Résidence y'Urwanda
Territoire ya Kibungu
Intara ya Buganza-Sud
--------------------

<u>Inama y'Intara ya Buganza-Sud</u>

Ibyavuzwe mu nama y'Intara ya Buganza-Sud yabereye i Kayonza k'umunsi wa makumyabili w'ukwezi kw'ugushyingo mu mwaka w'igihumbi kimwe na magan'urwenda na mirongwitanu n'itanu.

Abajyanama bayilimo:
Segikwiye, Umuyobozi w'Inama
Gahiza, umujyanama
Gakeri
Gasana
Kabagema
Kanuma
Kayihura
Kimonyo
Ndaruhutse
Bunuya
Rutebuka
Rwabutogo
Segahangura
Sezirahiga

Abadahari bavuze impamvu: Munyabuhoro, Nkomandwa na Rwabutema.

Inama itangiye igihe cy'isaha ya munani.

Umuyobozi w'Inama asanze abajyanama ngombwa bahali nkuko ingingo ya 32 y'itegeko lyo kuwa 14 nyakanga 1952 livuga.

Umuyobozi w'Inama ati: Twumvise ko ishyirwaho lya taxe y'amafranga 30 twali twateganirije ibizubakwa mu ntara yacu muli 1956, Inama Nkuru y'Igihugu, mw'iteraniro lyayo lya gatandatu, itabyemeye, ngo kubera yuko ayo mafranga yali yakiwe ingingo nyinshi kandi zitagenewe taxes.
Numvise kandi ngo ko Inama Nkuru y'Igihugu yatwemerera iyo taxe aliko ayo mafranga yayo tuyageneye indi ngingo itateganilijwe ayandi mafranga kandi yaba iteye ubgira.
None lero muzi ko Bwana Administrateur yatajije ko Hôpital y'i Rwamagana yali isanzwe ali iya Minétain, iyo Société ya Minétain ishaka kuyegulira Intara yacu tukabyemera. None lero iyo Hôpital nitumara kuyegulirwa kandi abarwayi bataratangira kurihishwa, tudafite n'ahandi twakura amafranga abagije mu kigwi cy'ibyajyaga biyikoreshwaho amafranga ya Minétain ubgayo, murasanga byazamera bite ko kubgunjye nabonaga ali byiza ko noneho twakwaka iyo taxe y'amafranga 30 akazakoreshwa muli iyo Hôpital igihe tuzaba tutarabona ubundi buryo bg'aho twakura amafranga.

Abajyanama bose bamaze kubyumvikanaho bemeje ko taxe y'amafranga 30 ku muntu wese usora ikwiye gutangwa muli 1956, ayo mafranga agakora mu by'abarwayi no mw'ibyariro, kandi agakoreshwa ibintu byose ngombwa biteye ubgira byo muli iyo Hôpital CAC idashoboye kurangiza kuko ali nkene.

..../....

KIBUNGO
3826

Inama y'Intara irasaba inama nkuru y'Igihugu ko noneho yemera iyi taxe kuko ibyemeje izi neza icyo intara yayo ikeneye koko, kandi izi n'ubutuni bw'umuntu uyituyemo yashobora gukuramo ayo mafranga.

Inama irangiye kw'isaha ya munani n'iminota mirongo itanu n'itanu.

Umukarani w'Inama
BGANAKEYE A.,

Umuyobozi w'Inama
SEGIKWIYE A.,